UMUTI WAWE: Hydrochlorothiazide (HCTZ) miligarama _____

Kuki nahawe uyu muti? Ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso. Umuvuduko mwinshi w'amaraso watera akaga utavuwe. Watera guturika kw'imitsi yo mu bwonko no guhagarara k'umutima. Ushobora gupfa uzize umuvuduko mwinshi w'amaraso utavuwe.

Fata ikinini 1 buri gitondo ukibyuka. Si ngombwa kurya mbere y'uko unywa iki kinini.
Ni iki nziyumvamo mu gihe mfata uyu muti? Rimwe na rimwe haba ingaruka zitewe no gufata uyu muti. Ingaruka ni ikintu kidasanzwe ushobora kwiyumvaho. Zimwe mu ngaruka ziterwa no gufata HCTZ ziza mu gihe umubiri wawe ugenda umenyera uyu muti zishobora kuba guhitwa, kuzengera, kubura ubushake bwo kurya, kugugara mu gifu no kuribwa umutwe.

Zimwe mu ngaruka ntizibaho kenshi ariko zishobora kugira ubukana buhanitse. **Hamagara 911 cyangwa wihutire kujya mu cyumba kita ku ndembe nugira: gufurutwa, kubyimba isura, iminwa,ururimi cyangwa inkanka; ugorwa no guhumeka cyangwa ubura umwuka; kuribwa amaso/ kutabona neza; cyangwa kwihagarika udukari dukeya cyangwa kubura inkari.**

Ni iki kindi namenya?

1. Ugomba gufata uyu muti buri munsi n'ubwo waba wumva umeze neza.
2. Ugomba kongera guhabwa uyu muti buri kwezi.
3. Ntunywe inzoga. Nywa amazi menshi.
4. Nujya ku wundi muganga, irindi vuriro cyangwa icyumba cyita ku ndembe, ugomba kubabwira ko ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso kandi ko ufata Hydrochlorothiazide.
5. Nusama, hita uhagarika gufata uyu muti. Subira kuri Grace Village Medical Clinic uhure na muganga kugira ngo tugushakire undi muti uvura umuvuduko mwinshi w'amaraso wafata.

Ibikubiye mu makuru ajyanye n'ubuzima aboneka kuri uru rubuga bigamije kumenyesha gusa, ntibigomba gufatwa nk'inama zihamye za muganga. Igihe ufite ibibazo bijyanye n'ubuzima cyangwa ubuvuzi, jya ubaza muganga wawe cyangwa undi muntu wahuguriwe gutanga servisi z'ubuvuzi wemewe.